Amategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri

Koleje ya tekiniki ya Emily Griffith yifuza kuguha aho kwigira hatekanye, habereye kwigira kandi hatarangwa n'ibirogoya bitari ngombwa. Imyitwarire ni ingenzi ku mibereho myiza n'umutekano by'abandi banyeshuri cyangwa abakozi b'ishuri bikaba byabangamira ubushobozi bw'ishuri byo guha amahirwe yo kwiga abandi banyeshuri bizafatwa nk'ibitaboneye. Izi ngamba zashyizweho kugira ngo zitange aho kwigira habereye bose.

Abanyeshuri bose bagomba kubahiriza Amategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri igihe cyose. Ni inshingano z'umunyeshuri zo kumenyera Amategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri no gusobanukirwa ibihano ahabwa aramutse ayarenzeho. Abanyeshuri basanze barenze ku Mategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri bakurwa mu ishuri kugeza igihe umwarimu cyangwa umukozi ushinzwe kugenzura agennye igihano cyo mu rwego rw'imyitwarire bakwiye. Abanyeshuri bafite uburenganzira bwo kutemera igihano cyo mu rwego rw'imyitwarire bahawe bitewe no kurenga ku Mategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri. Reba Inzira wanyuramo ugaragaza kutishimira ibihano wahawe.

Amakosa akurikira ashobora gutuma uhabwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire bikwiye harimo ariko bitagarukiye gusa ku kuvanwa mu ishuri, gusubizwa ku ishuri habayeho amasezerano cyangwa guhita wirukanwa ako kanya:

- Kuba ufite imbunda, amasasu, igikoresho giturika cyangwa intwaro itemewe n'amategeko nk'uko bisobanurwa n'amategeko ya Colorado.
- Kurwana, gusagarira, gukangisha kubabaza umubiri cyangwa guhoza ku nkeke bishingiye ku gitsina.
- Kuvuga amagambo mabi, gutera ubwoba cyangwa guhoza ku nkeke abarimu, abanyeshuri cyangwa abakozi harimo kubuza cyangwa kubangamira kwigisha, ubushakashatsi, imiyoborere, iburanisha ry'ibirego by'imyitwarire cyangwa ibindi bikorwa bya Koleje.
- Kutubahiriza amabwiriza atanzwe mu magambo cyangwa yanditse y'umukozi wa koleje cyangwa abandi bantu bari mu buyobozi.
- Kwishora mu bikorwa byo gutanga, gutunga, gukoresha cyangwa kunywa ibisindisha, urumogi, imiti itemewe cyangwa imiti igenzurwa nk'uko bisobanurwa mu gice cy'Amategeko yavuguruwe ya 12-22-303, Colorado Revised Statutes.
- Kwitabira ibikorwa bijyanye n'amatsinda y'abanyarugomo nk'ibiranga amatsinda y'abanyarugomgo ashingiye ku ibara ry'uruhu, ibimenyetso bikoreshwa intoki, ibishushanyo, imyambarire, imirimbo, amakayi, ibirango n'ibindi bigaragaza ko uri mu itsinda ry'abanyarugomo rukana.
- Kwangiza, guhindanya cyangwa kwangiza umutungo w'ishuri cyangwa w'abandi.
- Kuba indyarya, gukopera, kwiyitirira inyandiko z'abandi cyangwa gutanga amakuru atari yo ubizi.
- Gucura, guhindura cyangwa gukoresha nabi inyandiko, amakuru, ibiranga umunyeshuri na interineti by'ishuri.
- Gukoresha imvugo nyandagazi cyangwa igifefeko.
- Gukina urusimbi, gukora ipari cyangwa gutega by'ubwoko ubwo ari bwo bwose mu nyubako z'ishuri cynagwa mu nkengero zazo.
- Kugira uruhare mu kwinjira/gukoresha utabiherewe uburenganzira inyubako z'ishuri cyangwa gukoresha ibikoresho by'ishuri.
- Gutanga cyangwa kugurisha bitemewe ibicuruzwa cyangwa kumanika impapuro zitemewe ku hamanikwa amatangazo ku ishuri cyangwa ku nyubako.
- Kunanirwa kubahiriza inshingano zikubiye mu masezerano wagiranye na Koleje ya tekiniki ya Emily Griffith (harimo ariko hatagarukiye gusa ku kwishyura amafaranga y'ishuri, amabwiriza agize ibyo gukora akazi no kwiga cyangwa akazi).
- Gukoresha bitemewe ibikoresho n'inyandiko by'ishuri.
- Kunywa itabi cyangwa urumugo cyangwa gukoresha itabi koranabuhanga cyangwa udukoresho batumuza umwotsi umeze nk'uw'itabi mu nyubako, amaduka cyangwa ahari umutungo wa Koleje ya tekiniki ya Emily .
- Kurya ibiribwa cyangwa ibinyobwa byazanywe cyangwa kubirira no kubinywera mu ishuri nta burenganzira ubiherewe na mwarimu.
- Guparika ikinyabiziga cy'imitende ibiri mu kigo.
- Kuzana abana mu ishuri cyangwa gusiga abana batitaweho cyangwa batagenzuwe ku mitungo cyangwa ikibuga cy'ishuri.
- Kuzana inyamaswa cyangwa amatungo yo mu rugo y'ubwoko ubwo ari bwo bwose mu nyubako (Irengayobora: Inyamaswa zifasha abafite ubumuga).
- Gutumira inshuti/umuryango muri koleje cyangwa kuza kwigana nawe.
- Gukoresha ekuteri, telefone zigendanwa, utwuma tugaragaza uwakubuze cyangwa ikindi gikoresho cya elegitoronike bikorana mu ishuri.
- Kugaragaza imyambarire isa nk'aho ibuza igenda neza ry'igikorwa cyo kwiga harimo kambara amakabutura, amaburuteri cyangwa indi myenda igaragaza umubiri.
- Kurenga ku mategeko y'igihugu, leta cyangwa agace runaka ndetse no kurenga ku mabwiriza ngengamyitwarire nk'uko byavuzwe mu Mategeko ngengamyitwarire y'abanyeshuri y'ibishuri rya Denver Public Schools n'Amategeko ngengamyitwarire ndetse n'andi aboneye yahsyizweho mu mashuri cyangwa mu masomo.